Repubulika y'u Rwanda

**Ubutegetsi bw'Ubucamanza**

# RAPORO Y'IBYAGEZWEHO N'URWEGO RW'UBUCAMANZA MU MWAKA WA 2022-2023

Kigali, Kanama 2023

Repubulika y'u Rwanda

**Ubutegetsi bw'Ubucamanza**

# RAPORO Y'IBYAGEZWEHO N'URWEGO RW'UBUCAMANZA MU MWAKA WA 2022-2023

*Kigali, Kanama 2023*

*www.judiciary.gov.rw*

# ISHAKIRO


ISHAKIRO ........................................................................................................3
URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE ........................................................................5
URUTONDE RW'AMASHUSHO ..............................................................................5
IBISOBANURO BY'IMPINAMAGAMBO ......................................................................6
IJAMBO RY'IBANZE .............................................................................................7
0. INTANGIRIRO .................................................................................................9
I. Kunoza inzira urubanza rucamo hagamijwe gutanga ubutabera bunoze kandi mu gihe gikwiye ........................................................................................................10
1.1 Gutanga ubutabera bwihuse ........................................................................ 10
1.1.1 Kwakira ibirego no gushunguramo ibitujuje ibisabwa ..................................... 10
1.1.2 Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza binyuze mu bwumvikane (*mediation*) .................................................................................................................... 13
1.1.3 Imanza zarangiriye mu bwumvikane bukozwe n'abacamanza ........................... 14
1.1.4. Imanza zarangiriye mu kumvikana kurebana no kwemera icyaha (*plea-bargaining*) .................................................................................................................... 14
1.1.5 Igihe urubanza rumara mu rukiko rutegereje kuburanishwa ............................ 14
1.1.6 Imanza zinjiye mu nkiko .............................................................................. 16
1.1.6.1 Imanza zinjiye mu nkiko z'ibanze ............................................................... 16
1.1.6.2 Imanza zinjiye mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru .................................... 17
1.1.6.3 Imanza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo .................................................. 19
1.1.7 Imanza zaciwe ........................................................................................... 23
1.1.8 Imanza zasubitswe ..................................................................................... 26
1.1.9 Imanza zisigaye mu nkiko ............................................................................ 28
1.1.10 Imanza zabaye ibirarane mu nkiko (zirengeje amezi 6 zitaracibwa) ................ 29
1.1.11 Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungurwa ry'agateganyo .................. 31
1.1.12 Imanza zerekeye ibyaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu ........................... 32
1.1.13 Imanza zaciwe mu nkiko za gisirikare .......................................................... 33
1.2 Gutanga ubutabera bunoze .......................................................................... 34
1.2.1 Guhuza imicire y'imanza ............................................................................. 34
1.2.2 Igipimo cy'imanza zihindurwa mu bujurire ..................................................... 37
1.2.3 Imanza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane ........................................ 38
II. Kongera imbaraga mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kunoza imitangire ya serivisi mu nkiko ...........................................................................................................39
2.1 Kwagura imikorere ya IECMS ....................................................................... 39
2.2 Kongera ikoranabuhanga ryifashishwa mu nkiko (*court technology*) .................. 39
2.3 Kongera ibikorwaremezo, kubivugurura no gushaka ibikoresho by'ikoranabuhanga bijyanye n'igihe ................................................................................................ 39
III. Gushakira inkiko aho zikorera n'ibikoresho by'ibanze ......................................40
3.1 Kubaka, kuvugurura, kwagura no gusana inyubako z`inkiko ............................. 40
3.2 Gushaka ibikoresho byo mu biro inkiko zikenera ............................................ 40
IV. Kurushaho kunoza imicungire y'abakozi, hashyirwa imbaraga mu bunyamwuga n'ubuzobere mu byiciro by'imirimo ......................................................................40
4.1 Amahugurwa yakozwe .................................................................................. 40
4.1.1 Amasomo yihariye (*specialized legal program*) ............................................. 40
4.1.2 Amahugurwa yo gukarishya ubwenge (*Continuing Legal Education*) .................. 41
4.2 Kwita ku myitwarire ikwiye no kurwanya ruswa mu bakozi b'inkiko ................... 41
4.3 Kwimakaza uburinganire mu bakozi b'inkiko ................................................... 41
V. Kuzamura icyizere abaturage bagirira ibyemezo by'inkiko hongerwa imbaraga mu kumenyekanisha ibikorwa byazo no gushimangira imikoranire n'abafatanyabikorwa ........42

VI. Igenamigambi n'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Urwego rw'Ubucamanza.................... 43
6.1 Ibyibanze iteganyamigambi ry'umwaka wa 2022/2023 ryashingiyeho ...................... 43
6.2 Ingengo y'imari yari ikenewe, iyabonetse n'uko yakoreshejwe..................................... 43
VII. Incamake y'umusaruro wabonetse hakurikijwe ibipimo bitandukanye..................................44
VIII. Imbogamizi zikibangamiye imikorere y'Urwego rw'Ubucamanza n'ingamba zo guhangana nazo ........................................................................................................................................45
8.1 Ibyerekeye ubuke bw'abakozi ugereranyije n'ubwinshi bw'imanza............................... 45
8.2 Gutakaza abacamanza bamenyereye umwuga ............................................................ 45
8.3 Inkiko zidafite inyubako.................................................................................................. 46
IX. UMWANZURO ........................................................................................................................46
X. IMIGEREKA.............................................................................................................................47
Umugereka wa I: IBIREGO BYAKIRIWE N'INKIKO N'IBYEMEZO BYAFASHWE N'UBWANDITSI 47
Umugereka wa II: IMANZA ZINJIYE.......................................................................................... 49
UMUGEREKA WA III: IZASIGAYE MU MPERA ZA KAMENA 2023 ........................................ 51
UMUGEREKA WA IV: IIBIRARANE MU MPERA ZA KAMENA 2023 ...................................... 53

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe 1: Uko ibirego byashyikirijwe inkiko z'ibanze byasuzumwe .......... 11
Imbonerahamwe 2: Uko birego byasuzumwe mu nkiko z'ibanze mu myaka 4 ishize .......... 11
Imbonerahamwe 3: Uko ibirego byasuzumwe mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru .......... 12
Imbonerahamwe 4: Isesengura ku ibirego mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru mu myaka 4 .......... 12
Imbonerahamwe 5: Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza .......... 13
Imbonerahamwe 6: Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza mu myaka 4 ishize .......... 13
Imbonerahamwe 7: Igihe urubanza rumara rutegereje kuburanishwa .......... 14
Imbonerahamwe 8:Igihe urubanza rutegereza ngo ruburanishwe mu myaka 4 ishize .......... 15
Imbonerahamwe 9:Imanza zinjiye mu nkiko z'ibanze .......... 16
Imbonerahamwe 10:Izinjiye mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru .......... 17
Imbonerahamwe 11: Imanza zinjiye mu nkiko mu myaka 4 ishize .......... 17
Imbonerahamwe 12: Imanza zinjiye zerekeye ifunga n'ifungura ry'agateganyo .......... 18
Imbonerahamwe 13:Imanza zaciwe kuri buri rwego rw'inkiko .......... 23
Imbonerahamwe 14: Imanza zasubitswe .......... 26
Imbonerahamwe 15:Imanza zasigaye mu nkiko mu mpera z'umwaka .......... 28
Imbonerahamwe 16:Imanza zisigaye mu nkiko muri iyi myaka 4 ishize .......... 28
Imbonerahamwe 17:Ijanisha ku manza z'ibirarane ugereranyije n'iziri mu nkiko zose .......... 29
Imbonerahamwe 18:Umubare w'imanza zabaye ibirarane mu myaka 4 ishize .......... 30
Imbonerahamwe 19:Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungurwa ry'agateganyo .......... 31
Imbonerahamwe 20:Imanza ku byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu .......... 32
Imbonerahamwe 21:Imanza zigira ingaruka ku gihugu mu myaka 4 ine ishize .......... 32
Imbonerahamwe 22:Imanza zahinduwe mu bujurire .......... 37
Imbonerahamwe 23: Ibyerekeye ingengo y'imari yari ikenewe n'iyatanzwe .......... 43
Imbonerahamwe 24: Uko ingengo y'imari yakoreshejwe muri iyi myaka 4 ishize .......... 44
Imbonerahamwe 25: Umusaruro wabonetse .......... 44

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho 1: Igihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa .......... 16
**Ishusho 2: Imanza zinjiye muri iyi myaka 4 ishize** .......... 18
Ishusho 3: Imanza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo .......... 20
Ishusho 4: Impinduka mu manza zinjiye muri iyi myaka 4 ishize .......... 21
Ishusho 5: Igereranya ry'imanza zinjiye n'izaciwe .......... 24
Ishusho 6: Ijanisha ry`imanza zasubitswe .......... 27
Ishusho 7: Imanza zabaye ibirarane mu nkiko mu myaka ine ishize .......... 30
Ishusho 8: Igereranya ry'imanza zisigaye mu nkiko n'izabaye ibirarane .......... 31
Ishusho 9: Ijanisha ry'imanza zahinduwe mu bujurire mu myaka 4 ishize .......... 38

## IBISOBANURO BY'IMPINAMAGAMBO

| | |
|---|---|
| **CHC** | Commercial High Court |
| **CoA** | Court of Appeal |
| **HC** | High Court |
| **HCCIC** | High Court Chamber for International Crimes |
| **IECMS** | Integrated Electronic Case Management System |
| **JPMS** | Judicial Performance Management System |
| **SC** | Supreme Court |
| **TB** | Tribunal de Base |
| **TGI** | Tribunal de Grande Instance |

# IJAMBO RY'IBANZE



Dr. Faustin NTEZILYAYO
*Chief Justice*

Urwego rw'Ubucamanza rufite inshingano zo gutangariza abanyarwanda ibyo rwagezeho buri mwaka, bigakorwa mu gihe cyo gutangiza umwaka w'ubucamanza.

Raporo y'umwaka w'ubucamanza wa 2022/2023 igaragaza umusaruro Urwego rw'Ubucamanza rwagezeho mu cyerekezo cyo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, cyubakiye ku ntego eshanu ari zo :

1. Kunoza inzira urubanza rucamo hagamijwe gutanga ubutabera bunoze kandi mu gihe gikwiye ;
2. Kunoza serivisi zitangwa n'inkiko binyuze mu kongera imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga cyane cyane IECMS (*Integrated Electronic Case Management System*) n'irindi koranabuhanga rikoreshwa mu mirimo y'inkiko ;
3. Gushakira inkiko aho zikorera hakwiye binyuze mu gushaka inyubako n'ibikoresho bikwiye ;
4. Kunoza imicungire y'abakozi hibandwa ku guteza imbere ubunyamwuga, ubunyangamugayo n'ubunararibonye bwihariye hakurikijwe ubwoko bw'imanza ;
5. Kongera imbaraga mu kumenyekanisha ibikorwa by'inkiko hagamijwe kuzamura icyizere zigirirwa n'abazigana, no gukorana n'abafatanyabikorwa.

Mu rwego rwo gutanga ubutabera bwihuse, hashyizwe imbaraga mu kurwanya ibirarane ; ibyo byatumye imanza zaciwe muri uyu mwaka ziyongeraho 8,000 ugereranyije n'umwaka ushize ndetse ziyongeraho 29% ugereranyije n'umwaka wa 2019/2020.

N'ubwo imanza zicibwa ziyongereye, urugero ziyongereyeho ruracyari hasi ugereranyije n'ubwiyongere bw'imanza zinjira. Ibi bikagaragazwa n'uko imanza zaciwe zikiri hasi y'imanza zinjiye.

Muri uyu mwaka w'ubucamanza kandi hongerewe ingufu mu kwimakaza umuco wo gukemura amakimbirane binyuze mu bwumvikane, aho hari imanza mbonezamubano zarangiriye mu buhuza (*mediation*), n'imanza nshinjabyaha zimwe zikarangirira mu kumvikana kurebana no kwemera icyaha (*plea-bargaining*).

Ku bijyanye n'ubudakemwa bw'imanza, imanza zahinduwe mu bujurire muri uyu mwaka ziri ku kigero cya 6%, naho imanza zabonetsemo akarengane zingana na 1% by'imanza zasuzumwe ku rwego rwa nyuma mu zari zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Mu mbogamizi Urwego rw'Ubucamanza rugihura nazo ruzanakomeza gushakira umuti harimo :

- Ubwiyongere bw'imanza z'ibirarane bukomoka ku bwiyongere bw'imanza zinjira mu nkiko muri rusange, cyane cyane imanza nshinjabyaha, mu gihe umubare w'abacamanza n'abanditsi b'inkiko utiyongera ;
- Kubonera inkiko aho zikorera hakwiriye no kubona ibikoresho bihagije ;
- Gutakaza abakozi no kugorwa no kubona abakozi bafite ubumenyi n'ubunararibonye bihagije.

Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza gukorana n'izindi nzego mu gushakira ibisubizo ibyo bibazo byose kugira ngo rukomeze kuzuza neza inshingano zarwo.

Urwego rw'Ubucamanza rurashimira abafatanyabikorwa batandukanye bakomeza kurutera ingabo mu bitugu kugira ngo rugeze ku banyarwanda ubutabera bunoze kandi butanzwe mu gihe gikwiye. Rurashimira kandi abakozi barwo, abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bakomeje gukorana umurava kugira ngo abanyarwanda babone ubutabera bakwiye. Uru rwego rurashimira by'umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, wakomeje kuruba hafi mu gushaka ibisubizo aho ruhuye n'imbogamizi.

**Dr. NTEZILYAYO Faustin**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

# 0. INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, Ubutegetsi bw'Ubucamanza ni rumwe mu nzego eshatu z'Ubutegetsi bwa Leta. Ubutegetsi bw'Ubucamanza kandi nibwo murinzi w'uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

Mu kuzuza inshingano zabwo, Ubutegetsi bw'Ubucamanza burigenga kandi bukagira ubwisanzure mu micungire y'imari nk'uko biteganywa mu ngingo ya 151 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Bugengwa kandi n'amahame akurikira:

1° kuba imanza zicibwa mu izina ry'abaturage kandi ntawe ushobora kwicira urubanza ubwe;

2° kuba imanza ziburanishirizwa mu ruhame keretse iyo urukiko rwemeje ko habaho umuhezo mu buryo buteganywa n`amategeko;

3° kuba urubanza rwose ruciwe rugaragaza impamvu rushingiyeho, rukandikwa mu ngingo zarwo zose kandi rugasomwa mu buryo buteganywa n'itegeko;

4° kuba ibyemezo by'ubucamanza bigomba gukurikizwa n'abo bireba bose, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo; bikaba kandi bidashobora kuvuguruzwa keretse binyuze mu nzira no mu buryo buteganywa n'amategeko;

5° kuba abacamanza bakurikiza itegeko kandi bagakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge kandi batavugirwamo n`ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose.

Ingingo ya 149 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda yo iteganya ko Ubucamanza bushinzwe Urwego rw'Ubucamanza rugizwe n'inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye; naho ingingo ya 150 nayo y'Itegeko Nshinga igateganya ko Inama Nkuru y'Ubucamanza ari rwo rwego rukuru ruyobora Ubutegetsi bw'Ubucamanza ikaba ari nayo ishyiraho imirongo migari igenga imiyoborere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza.

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 2 n'iya 5 z'Itegeko n° 012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza, ubu Butegetsi bugizwe n'inzego ebyiri zikurikira:

- Inama Nkuru y'Ubucamanza
- Urwego rw'Ubucamanza, rugizwe n'inkiko, inzego zishizwe imirimo itandukanye ya buri munsi zifasha inkiko mu mirimo yazo ya buri munsi.

Kugira ngo Urwego rw'Ubucamanza rwuzuze inshingano ruhabwa n'Itegeko Nshinga nk'uko zavuzwe haruguru, rugendeye ku cyerekezo nyamukuru cyo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, hubahirizwa indangagaciro zikurikira: ubwigenge, umutimanama, kubahiriza igihe, kuba indashyikirwa, ubunyamwuga, kutabogama, ubunyangamugayo no kuzirikana umugenerwabikorwa.

Kugira ngo iki cyerekezo kigerweho, Urwego rw'Ubucamanza, rushyiraho ingamba z'igihe kirekire zubakiye ku ntego nkuru zikurikira:

- Kunoza inzira urubanza rucamo hagamijwe gutanga ubutabera bunoze kandi mu gihe gikwiye;

- Kunoza serivisi zitangwa n'inkiko binyuze mu kongera imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga cyane cyane IECMS, n'irindi koranabuhaga rikoreshwa mu mirimo y'inkiko;

- Gushakira inkiko aho zikorera hakwiye binyuze mu gushaka inyubako n'ibikoresho bikwiye;

- Kunoza imicungire y'abakozi hibandwa ku guteza imbere ubunyamwuga, ubunyangamugayo n'ubunararibonye bwihariye hakurikijwe ubwoko bw'imanza;

- Kongera imbaraga mu kumenyesha rubanda ibikorwa by'inkiko hagamijwe kuzamura icyizere bafitiye inkiko no gukorana n'abafatanyabikorwa.

Raporo y'uyu mwaka w'ubucamanza wa 2022/2023 iragaragaza ibyo Urwego rw'Ubucamanza rwagezeho mu ntumbero yo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, kuri buri ntego yose muri izi zavuzwe haruguru.

# I. Kunoza inzira urubanza rucamo hagamijwe gutanga ubutabera bunoze kandi mu gihe gikwiye

Kugira ngo urukiko rutange ubutabera bunoze kandi bwihuse, ni ngombwa kwita kuri buri ntambwe ikirego kinyuramo kugira ngo ibigomba gukorwa byose ku kirego bikorwe neza kandi ku gihe. Intego ya mbere y'Urwego rw'Ubucamanza ikaba ari iyo kunoza ingamba n'ibikorwa byose bigamije kunoza inzira urubanza rucamo kuva ababuranyi batanze ikirego kugeza urukiko rutanze umwanzuro usubiza ibibazo rwagejejweho n'ababuranyi.

## 1.1 Gutanga ubutabera bwihuse

### 1.1.1 Kwakira ibirego no gushunguramo ibitujuje ibisabwa

Mu rwego rwo kunoza inzira urubanza runyuramo, hashyizweho ingamba zituma ikirego gisuzumwa mbere y'uko cyandikwa, Ubwanditsi bw'Urukiko bukagenzura ibirego byujuje ibisabwa bikaba ari byo byandikwa naho ibitabyujujwe bigasubizwa inyuma. Izi ngamba zituma ibirego bitujuje ibisabwa bitagera imbere y'umucamanza, bityo bikamufasha kudatakaza igihe ku birego bigifite ibyo bibura. Ibi binafasha kwihutisha ubutabera muri rusange ku manza zijuririrwa kuko bifasha kutakira ubujurire bukorwa n'ababuranyi bagamije gusa gutinza irangizwa ry'imanza baba batsinzwemo.

Nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza, mu nkiko z'ibanze, muri uyu mwaka w'ubucamanza wa 2022/2023, ibirego byashyikirijwe izo nkiko byarasuzumwe hagenzurwa niba byuje ibisabwa, bimwe birandikwa ibindi bisubizwa inyuma mu buryo bukurikira:

**Imbonerahamwe 1: Uko ibirego byashyikirijwe inkiko z'ibanze byasuzumwe**

| Urukiko | Ibirego byari bitegereje gufatirwa icyemezo mu ntangiriro za Nyakanga 2022 | Ibirego ababuranyi bohereje mu nkiko | Ibirego byose byagombaga gusuzumwa | Ibirego byatangiriye mu Bunzi | | Ibirego byatangiriye mu Rukiko | | Ibyasigaye bitarafatirwa icyemezo mu mpera za Kamena 2023 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Ibyahawe nimero | Ibyasubijwe inyuma | Ibyahawe nimero | Ibyasubijwe inyuma | |
| Inkiko z'Ibanze | 2,964 | 72,354 | 75,318 | 833 | 65 | 69,586 | 2,177 | 2,305 |

Mu mwaka w'ubucamanza wa 2022-2023, ibirego byose byinjiye mu Nkiko z'Ibanze ni 72,354, byaje bisangamo ibindi 2,964 byari byasigaye mu mwaka w'ubucamanza wabanje byari bitarafatirwa icyemezo cya burundu ku iyandikwa ryabyo; byose hamwe biba ibirego 75,318. Ubwanditsi bw'inkiko bumaze gusuzuma ibyo birego, ibigera kuri 70,419 byaranditswe harimo 833 byatangiriye mu bunzi na 69,586 byatangiriye mu nkiko. Ibirego 2,242 byasubijwe inyuma kuko bitari byujuje ibisabwa n'amategeko naho 2,305 bitegereje gusuzumwa kugira ngo hafatwe icyemezo cya burundu ku iyandikwa ryabyo.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igereranya ry'akazi kakozwe mu bwanditsi bw'inkiko z'ibanze ku bijyanye no gusuzuma niba ibirego byujuje ibisabwa no kubyandika mu myaka ine ishize.

**Imbonerahamwe 2: Uko birego byasuzumwe mu nkiko z'ibanze mu myaka 4 ishize**

| Isuzumwa ry'ibirego mu bwanditsi | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Ibirego byari bitegereje gusuzumwa mu ntangiriro z'umwaka | 2,540 | 2,052 | 2,977 | 2,964 | 17% |
| Ibirego byinjiye ku mwaka | 54,740 | 53,338 | 61,231 | 72,354 | 32% |
| Ibirego byose byagombaga gusuzumwa | 57,280 | 55,390 | 64,208 | 75,318 | 31% |
| Ibirego byanditswe | 52,948 | 50,633 | 59,226 | 70,419 | 33% |
| Ibirego byasubijwe inyuma | 2,910 | 2,111 | 2,225 | 2,242 | -23% |
| Ibirego byose byafatiwe icyemezo | 55,858 | 52,744 | 61,451 | 72,661 | 30% |
| Ibirego byasigaye | 2,052 | 2,977 | 2,964 | 2,305 | 12% |

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko ibirego byari mu nkiko z'ibanze byari bitegereje gusuzumwa mu ntagiriro z'umwaka w'ubucamanza dusoje byiyongereyeho 17% ugereranyije n'umwaka wa 2019/2020, mu gihe ibirego byinjiye mu nkiko z'ibanze byo byiyongereyeho 32%.

Mu myaka ine ishize, ibirego byari byujuje ibisabwa bikandikwa byiyongereyeho 33% mu gihe ibyasubijwe inyuma byo byagabanutseho 23%. Ikindi kigaragara cyane ni uko ibirego bisigara bitarafatirwa icyemezo cya nyuma ku bijyanye no kwandikwa byiyongereyeho 12%.

Mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru, ibirego byageze mu nkiko byasesenguwe mu buryo bukurikira:

**Imbonerahamwe 3: Uko ibirego byasuzumwe mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru**

| Urukiko | Ibirego byari bitegereje gusuzumwa mu ntangiriro za Nyakanga 2022 | Ibirego ababurany i bohereje mu nkiko | Ibirego byose urukiko rwagombaga gusuzuma | Ibyasubijwe inyuma | Ibyahaw e nimero | Ibyasigaye bitarafatir wa icyemezo mu mpera za Kamena 2023 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Byose | 2,497 | 47,028 | 49,465 | 2,759 | 45,036 | 1,357 |
| Urukiko rw'Ikirenga | 1 | 104 | 105 | 3 | 72 | 3 |
| Urukiko rw'Ubujurire | 476 | 1,162 | 1,638 | 51 | 958 | 83 |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 49 | 814 | 863 | 7 | 820 | 30 |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 137 | 3,164 | 3,301 | 7 | 3,105 | 45 |
| Urukiko Rukuru | 594 | 8,103 | 8,697 | 64 | 7,692 | 128 |
| Inkiko Zisumbuye | 1,240 | 33,621 | 34,861 | 41 | 32,290 | 1,111 |

Mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru, mu mwaka w'ubucamanza dusoje ababuranyi batanze ibirego 47,028 bisangamo ibindi 2,497 byari byasigaye mu mwaka wa 2021/2022 bidafatiwe icyemezo cya burundu ku iyandikwa, byose hamwe biba 49,465. Muri ibi birego, ibigera kuri 45,036 bingana na 91% byarasuzumwe birandikwa, naho 2,759 bingana na 5.6% bisubizwa inyuma kuko bitari byujuje ibisabwa, mu gihe ibirego 2,497 bingana na 5% umwaka warangiye bitarasuzumwa.

Muri iyi myaka ine ishize, hagaragaye impinduka ku musaruro w'akazi ko gusuzuma ibirego byinjira kakozwe n'ubwanditsi bw'inkiko zisumbuye n'inkiko nkuru nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe 4: Isesengura ku ibirego mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru mu myaka 4**

| Isuzumwa ry'ibirego mu banditsi | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Ibirego byari bitegereje gusuzumwa mu ntangiriro z'umwaka | 4,302 | 3,000 | 1,738 | 2,497 | -42% |
| Ibirego byinjiye ku mwaka | 41,688 | 44,648 | 46,069 | 47,028 | 13% |
| Ibirego byose byagombaga gusuzumwa | 45,990 | 47,363 | 47,807 | 49,465 | 8% |
| Ibirego byanditswe | 40,181 | 42,636 | 43,314 | 45,036 | 12% |
| Ibirego byasubijwe inyuma | 2,966 | 3,144 | 2,049 | 2,759 | -7% |
| Ibirego byose byafatiwe icyemezo | 43,147 | 45,780 | 45,363 | 47,795 | 11% |
| Ibirego byasigaye | 3,000 | 1,738 | 2,497 | 1,357 | -55% |

Ibirego byinjira mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru byazamutseho 13% naho ibirego byose izi nkiko zagombaga gusuzuma bizamukaho 8%. Ibirego byanditswe nabyo byazamutseho 12% mu gihe ibirego byasubijwe inyuma byo byagabanutseho 7%. Ibirego ubwanditsi bw'urukiko

bwasuzumye byose byazamutseho 11% mu gihe ibirego byasigaye bitarasuzumwa ngo bifatirwe icyemezo cya nyuma ku iyandikwa ryabyo byagabanutseho 55%.

### 1.1.2 Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza binyuze mu bwumvikane (*mediation*)

Imwe mu nzira zikoreshwa n'inkiko mu kwihutisha imanza ni ugushishikariza ababuranyi gukemura ibibazo byabo mu bwumvikane bikozwe mu gihe cy'inama ntegurarubanza. Iyi nzira ifasha kugabanya imanza zigera imbere y'umucamanza ikanafasha ababuranyi kurangiza ibibazo byayo burundu kandi mu nzira ngufi aho kwiyambaza inzira zisanzwe zo kuburana.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza ababuranyi bumvikanyemo mu gihe cy'inama ntegurarubanza.

**Imbonerahamwe 5: Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza**

| Urukiko | Imanza zose zanyuze mu nama ntegurarubanza | Izo ubwanditsi bwumvikanishijemo ababuranyi | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Total | 17,686 | 909 | 5% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 58 | 4 | 7% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 114 | 1 | 1% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 557 | 36 | 6% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 1,783 | 143 | 8% |
| Urukiko Rukuru | 1,147 | 53 | 5% |
| Inkiko Zisumbuye | 4,340 | 378 | 9% |
| Inkiko z'Ibanze | 9,687 | 294 | 3% |

Mu manza zose zanyuze mu nama ntegurarubanza zigera kuri 17,686, izingana na 909, ni ukuvuga 5%, zarangiriye mu nama ntegurarubanza binyuze mu bwumvikane bw'ababuranyi.

Igereranya ry'imyaka ine ishize rigaragaza ko imanza ababuranyi bumvikanamo mu gihe cy'inama ntegurarubanza ziyongereyeho 6% hagereranijwe imyaka ine ishize aho zavuye kuri 854 zikagera kuri 909.

**Imbonerahamwe 6: Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza mu myaka 4 ishize**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 854 | 864 | 681 | 909 | 6% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 2 | 1 | | 4 | 100% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 2 | 5 | 4 | 1 | -50% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 203 | 23 | 10 | 36 | -82% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 34 | 230 | 134 | 143 | 321% |
| Urukiko Rukuru | 18 | 15 | 34 | 53 | 194% |
| Inkiko Zisumbuye | 291 | 334 | 268 | 378 | 30% |
| Inkiko z'Ibanze | 304 | 256 | 240 | 294 | -3% |

Hagereranyijwe imyaka ine ishize, ubwiyongere bw'imanza zirangirira mu nama ntegurarubanza binyuze mu bwumvikane bwagaragaye cyane mu Rukiko rw'Ubucuruzi aho

imanza ababuranyi bumvikanyemo ziyongereye ku kigero cya 321%, mu Rukiko Rukuru ziyongera ku kigero cya 194% naho mu Rukiko rw'Ikirenga ubwiyongere bugera kuri 100%.

### 1.1.3 Imanza zarangiriye mu bwumvikane bukozwe n'abacamanza

Ingingo ya 72 y'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko ku bibazo bishobora gukemurwa neza binyuze mu bwumvikane, umucamanza ashobora kubishishikariza ababuranyi, babyemera akabafasha kumvikana ubwe cyangwa akabohereza mu bwunzi.

Imibare iragaragaza ko inzira y'ubwumvikane igenda itera imbere kuko muri uyu mwaka w'ubucamanza, imanza zarangiriye mu bwumvikane bukozwe n'abacamanza zingana na 283 zivuye ku manza 73 mu mwaka ushize.

### 1.1.4. Imanza zarangiriye mu kumvikana kurebana no kwemera icyaha (*plea-bargaining*)

Ingingo ya 26 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ibijyanye no kumvikana kurebana no kwemera icyaha.

Muri uyu mwaka w'ubucamanza ubu buryo bwatangiye gukoreshwa, bikaba bigaragara ko nabwo buzunganira inkiko mu guhangana n'ikibazo cy'ibirarane by'imanza kuko imanza 934 zirimo 248 zo mu nkiko zisumbuye n'imanza 629 zo mu nkiko z'ibanze zarangiye burundu hakoreshejwe ubu buryo bwo kumvikana kurebana no kwemera icyaha.

### 1.1.5 Igihe urubanza rumara mu rukiko rutegereje kuburanishwa

Igihe urubanza rwinjiye rutegereza ngo rutangire kuburanishwa, kijyana n'ubushobozi bwo guca imanza mu nkiko ugereranyije n'imanza zose zisigaye mu rukiko mu mpera z'umwaka. Muri uyu mwaka w'ubucamanza impuzandengo y'igihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa ni amezi 10.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza iyi mibare kuri buri rwego rw'inkiko.

**Imbonerahamwe 7: Igihe urubanza rumara rutegereje kuburanishwa**

| Urukiko | Imanza zasigaye mu mpera za Kamena 2023 | Imanza zaciwe mu kwezi | Impuzandengo y'igihe urubanza rumara |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 91,050 | 8,925 | 10 |
| Urukiko rw'Ikirenga | 47 | 5 | 9 |
| Urukiko rw'Ubujurire | 1,257 | 72 | 17 |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 662 | 83 | 8 |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 1,813 | 190 | 10 |
| Urukiko Rukuru | 16,373 | 437 | 37 |
| Inkiko Zisumbuye | 30,797 | 2,434 | 13 |
| inkiko z'Ibanze | 40,101 | 5,703 | 7 |

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza impinduka zabaye ku bijyanye n'igihe urubanza rutegereza kugira ngo rutangire kuburanishwa hagereranyijwe imyaka ine ishize.

### Imbonerahamwe 8: Igihe urubanza rutegereza ngo ruburanishwe mu myaka 4 ishize

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 8 | 10 | 10 | 10 | 25% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 4 | 9 | 10 | 9 | 125% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 6 | 35 | 22 | 17 | 183% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 14 | 8 | 9 | 8 | -43% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 4 | 3 | 4 | 10 | 150% |
| Urukiko Rukuru | 19 | 30 | 33 | 37 | 95% |
| Inkiko Zisumbuye | 10 | 13 | 11 | 13 | 30% |
| Inkiko z'Ibanze | 6 | 8 | 7 | 7 | 17% |

Muri rusange, hagati y'umwaka wa 2019/2020 na 2022/2023 igihe urubanza rumara rutegereje gutangira kuburanishwa cyazamutseho 25% kuko cyavuye ku mezi 8 kigera ku mezi 10. Ibi bikaba biterwa ahanini n'ubwiyongere bw'imanza zinjira mu nkiko ari nyinshi zituma imanza zisigara ugereranyije n'imanza zicibwa ziyongera, bityo igihe imanza zitegereza ngo zitangire kuburanishwa nacyo kikiyongera.


Muri iyi myaka ine, ijanisha ku gihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa ryazamutse cyane mu Rukiko rw'Ubujurire aho riri ku 183%, ni ukuvuga ko igihe cyavuye ku mezi 6 muri 2019/2020 kikagera ku mezi 17 muri 2022/2023. Gusa hakaba hari icyizere ko igihe cyatangira kugabanuka ushingiye ku mpinduka zabaye uyu mwaka ugereranyije n'umwaka ushize aho igihe cyavuye ku mezi 22 kikaba kigeze ku mezi 17.

Ahandi hari ubwiyongere buri hejuru ni mu Rukiko rw'Ubucuruzi aho gihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa cyazamutseho 150% ugereranyije umwaka wa 2019/2020 na 2022/2023, aho cyavuye ku mezi 4 kikagera ku mezi 10. Mu Rukiko Rukuru cyazamutseho 95% (kigeze ku mezi 37 kivuye ku mezi 19); mu Rukiko Rukuru hakaba ari ho imanza zitegereza igihe kirekire ugereranyije n'izindi nkiko muri iyi myaka ine ishize, dore ko kigeze mu myaka 3 n'ukwezi kumwe.

Mu nkiko zisumbuye n'inkiko z'ibanze icyo gihe cyazamutse ku kigero cya 30% na 17%; mu gihe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi icyo gihe cyagabanutse ku kigero cya 43% aho cyavuye ku mezi 14 muri 2019/2020 kigera ku mezi 8 muri 2022/2023.

Ishusho ikurikira igaragaza impinduka zabaye mu myaka ine ishize ku bijyanye n'igihe urubanza rutegereza kugira ngo rutangire kuburanishwa.

**Ishusho 1: Igihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa**




### 1.1.6 Imanza zinjiye mu nkiko

Mu kugena ingamba z'ibanze zifashishwa mu kugera ku ntego yo gutanga ubutabera mu gihe gikwiye, Urwego rw'Ubucamanza rwita cyane ku gusesengura umubare w'imanza zinjira haba kuri buri rwego rw'inkiko ndetse no ku bwoko bw'imanza zinjira. Iyo izi manza zinjira ziruta izicibwa, ibirarane biriyongera buri mwaka, bityo bigatinza itangwa ry'ubutabera.

Muri iki gika haragaragazwa umubare w'imanza zinjiye muri rusange kuri buri rwego rw'inkiko, izinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo ndetse n'izinjiye zigomba kuburanishwa ku ifunga n'ifungura by'agateganyo.

#### 1.1.6.1 Imanza zinjiye mu nkiko z'ibanze

Inkiko z'ibanze zakira imanza nshinjabyaha n'imanza mbonezamubano hashingiwe ku bubasha izo nkiko zihabwa n'itegeko. Nizo kandi ziburanisha ku rwego rwa mbere imanza ku ifunga n'ifungura ry'agateganyo.

**Imbonerahamwe 9:Imanza zinjiye mu nkiko z'ibanze**

| Urukiko | Imanza zinjiye | Izatangiriye mu nkiko | | | Izatangiriye mu bunzi | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Zose | Zose | Imanza mu mizi | Ifunga n'ifungura ry'agateganyo | Zose | Izinjiye |
| Inkiko z'ibanze | 69,640 | 68,817 | 53,003 | 15,814 | 823 | 823 |

Muri uyu mwaka w'ubucamanza imanza zinjiye mu nkiko z'ibanze zingana na 69,640 harimo imanza 68,817 zatangiriye mu nkiko n'imanza 823 zatangiriye mu bunzi. Muri izi manza zose, izigera kuri 53,003 ni imanza mu mizi naho 15,814 ni imanza ku ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo zingana na 23% by'imanza zose zinjiye mu nkiko z'ibanze.

### 1.1.6.2 Imanza zinjiye mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zinjiye mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru muri uyu mwaka w'ubucamanza wa 2022/2023.

**Imbonerahamwe 10:Izinjiye mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru**

| Urukiko | Imanza zinjiye zose | Mu mizi | | | | Ifunga n'ifungura ry'agateganyo | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Zose hamwe | Ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa kabiri | Zose | Ubujurire | Urwego rwa mbere |
| Zose hamwe | 42,644 | 37,555 | 23,666 | 13,113 | 776 | 5,089 | 5,007 | 82 |
| Urukiko rw'Ikirenga | 72 | 72 | 71 | | 1 | | | |
| Urukiko rw'Ubujurire | 862 | 862 | 159 | 40 | 663 | | | |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 775 | 775 | 88 | 687 | | | | |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 3,091 | 3,091 | 3,091 | | | | | |
| Urukiko Rukuru | 7,058 | 7,042 | 593 | 6,337 | 112 | 16 | 11 | 5 |
| Inkiko zisumbuye | 30,786 | 25,713 | 19,664 | 6,049 | | 5,073 | 4,996 | 77 |

Mu mwaka w'ubucamanza 2022/2023, mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru hinjiye imanza 42,644 harimo imanza mu mizi zingana na 37,555 n'imanza 5,089 ku ifunga n'ifungura ry'agateganyo.

Imanza mu mizi zikubiyemo imanza 13,113 mu bujurire bwa mbere, imanza 776 mu bujurire bwa kabiri n'imanza 23,666 zinjiye ku rwego rwa mbere.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igereranya ry'ingano y'imanza zagiye zinjira mu nkiko muri iyi myaka ine ishize.

**Imbonerahamwe 11: Imanza zinjiye mu nkiko mu myaka 4 ishize**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 75,188 | 78,859 | 84,243 | 91,381 | 22% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 50 | 32 | 59 | 72 | 44% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 292 | 1,231 | 766 | 862 | 195% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 970 | 1,147 | 1,051 | 775 | -20% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 2,879 | 2,879 | 2,860 | 3,091 | 7% |
| Urukiko Rukuru | 7,867 | 7,678 | 7,979 | 7,042 | -10% |
| Inkiko zisumbuye | 24,945 | 26,472 | 26,825 | 25,713 | 3% |
| Inkiko z'ibanze | 38,601 | 39,420 | 44,703 | 53,826 | 39% |


Muri rusange imanza zinjira ziyongereyeho 22% kuko zavuye ku manza 75,188 muri 2019/2020 zigera ku manza 91,381 muri 2022/2023.

Mu myaka ine ishize, mu Rukiko rw'Ubujurire niho imanza zinjiye ziyongereye kurusha mu zindi nkiko, aho zavuye ku manza 292 muri 2019/2020 zigera ku manza 862 muri 2022/2023, ni ukuvuga ijanisha rya 195%. Mu Rukiko rw'Ikirenga ho ziyongereye ku kigero cya 44% aho zavuye ku manza 50 zigera ku manza 72; mu Rukiko rw'Ubucuruzi imanza zinjira ziyongerayeho 7% ziva ku manza 2,879 zigera ku manza 3,091; mu nkiko z'ibanze ziyongeraho 39% aho zavuye ku manza 38,601 zigera ku manza 53,826 naho mu nkiko zisumbuye ziyongeraho 3%, aho zavuye ku manza 24,945 zigera ku manza 25,713.

Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ho imanza zinjiye zagabanutse ku kigero cya 20% ziva ku manza 970 muri 2019/2020 zigera ku manza 775 muri 2022/2023; naho mu Rukiko Rukuru ziva ku manza 7,867 zigera ku manza 7,042.

Ishusho ikurikira igaragaza uko imanza zagiye zinjira mu nkiko muri iyi myaka 4 ishize.

**Ishusho 2: Imanza zinjiye muri iyi myaka 4 ishize**




Ibyekereye ingano y'manza ku ifunga n'ifungura ry'agateganyo zinjiye mu nkiko mu myaka ine ishize byo bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe 12: Imanza zinjiye zerekeye ifunga n'ifungura ry'agateganyo**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Zose | 17,433 | 14,195 | 18,049 | 20,826 | 19% |
| Urukiko Rukuru | 17 | 12 | 21 | 16 | -6% |
| Inkiko zisumbuye | 3,542 | 3,101 | 3,741 | 4,996 | 41% |
| Inkiko z'ibanze | 13,874 | 11,082 | 14,287 | 15,814 | 14% |

Izi manza ku ifunga n'ifungura ry'agateganyo ziyongereyeho 19% hagati y'umwaka wa 2019/2020 n'umwaka wa 2022/2023. Mu nkiko zisumbuye niho ziyongereye cyane aho zazamutseho 41% naho mu nkiko z'ibanze ziyongeraho 14%. Mu Rukiko Rukuru ho zagabanutseho 6%.

#### 1.1.6.3 Imanza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo

Gusesengura imanza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo bifasha Urwego rw'Ubucamanza kumenya ibibazo byiganje mu manza bityo bigafasha mu kugena ingamba za ngombwa mu kwihutisha imicire y'imanza no gushaka ingamba zatuma ibibazo bikunda kuzana ababuranyi mu nkiko bibonerwa umuti bitaravukamo imanza.

Iki gika kiragaragaza ubwoko bw'imanza zinjiye mu nkiko zisanzwe, imanza z'ubucuruzi, n'ibibazo byiganje kuruta ibindi muri buri bwoko bw'imanza.

##### A. Imanza zinjiye mu nkiko zisanzwe

Muri iki gice harasesengurwa imanza zinjiye mu nkiko zisanzwe hakurikijwe ubwoko bwazo.

**Imbonerahamwe 13: Imanza zinjiye mu nkiko zisanzwe hakurikijwe ubwoko bwazo**

| Ubwoko bw'imanza | Imanza zose zinjiye | Imanza mu mizi | | | | Ifunga n'ifungura ry'agateganyo | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Zose | Ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa kabiri | Zose | Ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa mbere |
| Zose hamwe | 112,284 | 91,383 | 77,492 | 13,113 | 778 | 20,901 | 15,896 | 5,005 |
| Imanza z'Ubutegetsi | 365 | 365 | 259 | 97 | 9 | | | |
| Imbonezamubano | 23,236 | 23,236 | 20,835 | 2,326 | 75 | | | |
| Imanza z'Ubucuruzi | 4,606 | 4,606 | 3,836 | 696 | 74 | | | |
| Imanza nshinjabyaha ku byaha bisanzwe | 81,095 | 60,788 | 50,912 | 9,276 | 600 | 20,307 | 15,517 | 4,790 |
| Imanza z'ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu | 1,404 | 1,028 | 730 | 288 | 10 | 376 | 230 | 146 |
| Jenoside n'ibyaha biyishamikiyeho | 598 | 380 | 274 | 96 | 10 | 218 | 149 | 69 |
| Imanza z'umurimo | 975 | 975 | 641 | 334 | | | | |
| Imanza zihariye | 5 | 5 | 5 | | | | | |

Iyi mibare igaragaza ko mu manza zinjiye haba imanza mu mizi n'imanza ku ifunga n'ifungura ry'agateganyo zose zingana na 112,284, imanza 83,097 zingana na 74% ari imanza nshinjabyaha. Nanone mu manza mu mizi zigera kuri 91,383, imanza nshinjabyaha zikaba zingana na 62,196 ni ukuvuga 68 %.

Ishusho ikurikira igaragaza ubwiganze mu manza zinjira mu nkiko.

### Ishusho 3: Imanza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo




Hagereranyijwe imyaka 4 ishize, impinduka zabaye mu manza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo ziteye mu buryo bukurikira:

### Imbonerahamwe 14: Izinjiye mu nkiko hakurikijwe ubwoko bwazo mu myaka 4 ishize


| Ubwoko bw’imanza | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| **Zose hamwe** | **75,186** | **78,853** | **84,243** | **91,383** | **22%** |
| Imanza z’Ubutegetsi | 505 | 569 | 413 | 365 | **-28%** |
| Imbonezamubano | 19,227 | 20,040 | 21,052 | 23,236 | **21%** |
| Imanza z'Ubucuruzi | 3,987 | 4,905 | 4,736 | 4,606 | **16%** |
| Imanza nshinjabyaha ku byaha bisanzwe | 48,303 | 49,865 | 55,235 | 60,788 | **26%** |
| Imanza z’ibyaha bimunga ubukungu bw’igihugu | 1,220 | 1,444 | 1,190 | 1,028 | **-16%** |
| Jenoside n’ibyaha biyishamikiyeho | 622 | 538 | 416 | 380 | **-39%** |
| Imanza z’umurimo | 1,309 | 1,485 | 1,197 | 975 | **-26%** |
| Imanza zihariye | 13 | 7 | 4 | 5 | **-62%** |

Ubwoko bw’imanza bugaragaza ubwiyongere buri hejuru hagereranyijwe imyaka 4 ishize ni imanza nshinjabyaha zerekeye ibyaha bisanzwe ziyongereye ku kigero cya 26% zikurikirwa n’imanza mbonezamubano ziyongereye ku kigero cya 21% naho imanza z’ubucuruzi ziyongera ku kigero cya 16%.

Ubundi bwoko bw’imanza busanzwe bugira imanza nke cyane bwo bigaragara ko zagabanutse.

Ishusho ikurikira igaragaza impinduka zigaragara mu manza zinjira ukurikije ubwoko bwazo.

### Ishusho 4: Impinduka mu manza zinjiye muri iyi myaka 4 ishize




## B. Imanza zinjiye mu nkiko z'ubucuruzi

Imanza z'ubucuruzi zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe 15: Imanza z'ubucuruzi zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo

| Ubwoko bw'imanza | Zose | Ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa kabiri |
|---|---|---|---|---|
| Imanza zose | 4,000 | 3,230 | 696 | 74 |
| Ishyirwaho n'ivanwaho ry'abagenzuzi babarura umutungo wa sosiyete | 2 | 2 | | |
| Igihombo cy'ubucuruzi | 23 | 19 | 3 | 1 |
| Amasosiyete y'ubucuruzi | 310 | 274 | 34 | 2 |
| Imanza ku masezerano cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi | 2,350 | 1,904 | 397 | 49 |
| Impaka ku masezerano n'amabanki | 652 | 493 | 145 | 14 |
| Impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse | 346 | 307 | 39 | |
| Impaka ku irangizamutungo, isesa n'ivugurura ry'ibigo by'ubucuruzi biri mu nzira y'igihombo | 51 | 41 | 10 | |
| Impaka ku nyandiko mvunja faranga | 23 | 23 | | |
| Indishyi z'ubwishingizi butari ubw'impanuka zo mu muhanda | 57 | 34 | 22 | 1 |
| Umutungo bwite w'ubwenge | 7 | 7 | | |
| Iyandikwa n'ihanagurwa ry'ubucuruzi | 1 | 1 | | |
| Imisoro n'amahoro | 131 | 83 | 41 | 7 |
| Ubwikorezi bw'abantu n'ibintu | 47 | 42 | 5 | |

Imanza z'ubucuruzi zinjiye mu nkiko zigera kuri 4,000, iziganje kuruta izindi ni izerekeye amasezerano y'ubucuruzi zigera ku 2,350, zigakurikirwa n'izerekeye impaka ku masezerano n'amabanki zingana na 652.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza impinduka zabaye mu manza zinjiye mu nkiko z'ubucuruzi hakurikijwe ubwoko bwazo mu myaka ine ishize.

### Imbonerahamwe 16: Ubwoko bw'imanza z'ubucuruzi zinjiye muri iyi myaka 4 ishize 2019 - 2023

| Ubwoko bw'imanza | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Imanza zose | 3,517 | 4,198 | 4,048 | 4,000 | 14% |
| Ishyirwaho n'ivanwaho ry'abagenzuzi babarura umutungo wa sosiyete | 0 | 1 | 4 | 2 | |
| Igihombo cy'ubucuruzi | 9 | 13 | 5 | 23 | 156% |
| Amasosiyete y'ubucuruzi | 27 | 41 | 147 | 310 | 1048% |
| Imanza ku masezerano cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi | 2148 | 3,108 | 2,728 | 2,350 | 9% |
| Impaka ku masezerano n'amabanki | 642 | 270 | 493 | 652 | 2% |
| Impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse | 439 | 434 | 347 | 346 | -21% |
| Impaka ku irangizamutungo, isesa n'ivugurura ry'ibigo by'ubucuruzi biri mu nzira y'igihombo | 24 | 27 | 59 | 51 | 113% |
| Impaka ku nyandiko mvunja faranga | 1 | 3 | 8 | 23 | 2200% |
| Indishyi z'ubwishingizi butari ubw'impanuka zo mu muhanda | 58 | 67 | 62 | 57 | -2% |
| Umutungo bwite w'ubwenge | 4 | 14 | 7 | 7 | 75% |
| Iyandikwa n'ihanagurwa ry'ubucuruzi | 1 | 3 | 2 | 1 | 0% |
| Imisoro n'amahoro | 156 | 214 | 183 | 131 | -16% |
| Ubwikorezi bw'abantu n'ibintu | 2 | 2 | 1 | 47 | 2250% |

Imanza zagaragayemo ubwiyongere ku kigero cyo hejuru cyane ni imanza zerekeye ubwikorezi ziyongereye ku kigero cya 2250%, izerekeye impaka ku mpapuro mvunjafaranga ziyongereye ku kigero cya 2200% n'izerekeye amasosiyete y'ubucuruzi ziyongereye ku kigero cya 1048%.

**C. Ibibazo byiganje mu manza zinjira**

- **Mu manza nshinjabyaha**

Ibyaha byiganje kurusha ibindi mu manza nshinjabyaha ziregerwa inkiko (birengeje imanza 2000) ni ibi bikurikira:

| | Ubwoko bw'icyaha | Umubare |
|---|---|---|
| 1 | Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake | 18,716 |
| 2 | Impamvu nkomezacyaha ku cyaha cyo kwiba | 12,115 |
| 3 | Ubujura bworoheje | 9,979 |
| 4 | Gukora ibikorwa byerekeranye n'ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo | 5,834 |
| 5 | Gusambanya umwana | 4,933 |
| 6 | Gukoresha ibikangisho | 4,679 |
| 7 | Icyaha cy'ubuhemu | 3,605 |
| 8 | Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe | 3,356 |
| 9 | Ubujura bukoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho | 3,257 |
| 10 | Kubabaza umubiri bidaturutse ku bushake | 2,285 |
| 11 | Kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya | 2,240 |

Imbonerahamwe iri haruguru igaragaza ko icyaha cyo gukubita no gukomeretse ari cyo kiza ku isonga, kigakurikirwa n'icyaha cy'ubujura bworoheje.

- **Mu manza mbonezamubano**

Ibibazo byiganje mu manza mbonezamubano (birengeje imanza 600) bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| | Ubwoko bw'icyaha | Umubare |
|---|---|---|
| 1 | Gutandukana burundu | 3075 |
| 2 | Amasezerano y'ubucuruzi | 1846 |
| 3 | kwemeza ko umuntu yapfuye | 949 |
| 4 | Indishyi zikomoka Kutubahiriza amasezerano | 626 |
| 5 | Ubutaka busanzwe | 608 |
| 6 | Gusimbura inyandiko y'irangamirere | 604 |
| 7 | Ihererekanyamutungo utimukanwa | 601 |

Ibibazo byiganje kuruta ibindi mu manza mbonezamubano ni ibyerekeye gutandukana burundu, amasezerano y'ubucuruzi no kwemeza ko umuntu yapfuye.

### 1.1.7 Imanza zaciwe

Guca imanza ni igikorwa shingiro mu guha abagana inkiko ubutabera mu gihe gikwiye. Iyo imanza ziciwe ziri munsi y'imanza zinjira ni ikimenyetso cy'uko ibirarane bishobora gukomeza kwiyongera bityo bigatinza itangwa ry'ubutabere.

Muri iki gice harasuzumwa imanza zaciwe n'inkiko muri rusange muri uyu mwaka w'ubucamanza, n'impuzandengo y'imanza zaciwe n'umucamanza mu kwezi kumwe.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zaciwe ku rwego rwa buri rukiko.


**Imbonerahamwe 13:Imanza zaciwe kuri buri rwego rw'inkiko**

| Urukiko | Imanza zaciwe zose | Izaciwe mu mizi | Izerekeye ifunga n'ifungura |
|---|---|---|---|
| Zose | 98,176 | 77,375 | 20,801 |
| Urukiko rw'Ikirenga | 60 | 60 | |
| Urukiko rw'Ubujurire | 796 | 796 | |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 911 | 911 | |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 2,088 | 2,088 | |
| Urukiko Rukuru | 4,810 | 4,792 | 18 |
| Inkiko Zisumbuye | 26,779 | 21,928 | 4,851 |
| Inkiko z'Ibanze | 62,732 | 46,800 | 15,932 |

Muri uyu mwaka w'ubucamanza wa 2022/2023 inkiko zose muri rusange zaciye imanza 98,176, harimo imanza mu mizi zingana na 77,375 n'imanza 20,801 zaciwe ku ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo.

Hagereranijwe imanza zaciwe n'izinjiye muri uyu mwaka w'ubucamanza, usanga imanza zaciwe zikiri munsi y'imanza zinjira kuko zingana na 87% nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza:

**Ishusho 5: Igereranya ry'imanza zinjiye n'izaciwe**




Nk'uko bigaragara, haciwe imanza 98,176 mu gihe izinjiye ari 112,284 bivuze ko hari imanza 14,108 zasagutse zigomba kwiyongera ku manza zisigara buri mwaka. Imanza zaciwe zikaba zingana na 87%; ibi bikaba byerekana ko imanza zinjira zikiri impamvu nyamukuru y'ubwiyongere bw'ibirarane nk'uko biza kugarukwaho mu isesengura mu gika cyerekeye imanza zisigaye mu nkiko n'izabaye ibirarane.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi nirwo rwabashije guca imanza ziruta imanza zinjiye muri urwo rukiko

Hagereranyijwe imyaka 4 ishize, impinduka zabaye ku bijyanye n'umubare w'imanza zicibwa zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe 18: Imanza zaciwe muri iyi myaka 4 ishize

| Urukiko | Imanza zaciwe zose | | | | | Imanza zaciwe mu mizi | | | | | Imanza zaciwe ku ifunga n'ifungura | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2019/ 2020 | 2020/ 2021 | 2021/ 2022 | 2022/ 2023 | Impinduka | 2019/ 2020 | 2020/ 2021 | 2021/ 2022 | 2022/ 2023 | Impinduka | 2019/ 2020 | 2020/ 2021 | 2021/ 2022 | 2022/ 2023 | Impinduka |
| Zose hamwe | 76,346 | 74,513 | 90,795 | 98,176 | **29%** | 58,916 | 60,318 | 72,744 | 77,375 | **31%** | 17,433 | 14,195 | 18,051 | 20,801 | **19%** |
| Urukiko rw'Ikirenga | 67 | 43 | 47 | 60 | **-10%** | 67 | 43 | 47 | 60 | **-10%** | | | | | |
| Urukiko rw'Ubujurire | 514 | 355 | 617 | 796 | **55%** | 514 | 355 | 617 | 796 | **55%** | | | | | |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 746 | 1,183 | 1,043 | 911 | **22%** | 749 | 1,183 | 1,043 | 911 | **22%** | | | | | |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 2,443 | 2,721 | 2,473 | 2,088 | **-15%** | 2,443 | 2,721 | 2,473 | 2,088 | **-15%** | | | | | |
| Urukiko Rukuru | 4,726 | 4,147 | 4,797 | 4,810 | **2%** | 4,710 | 4,135 | 4,776 | 4,792 | **2%** | 17 | 12 | 12 | 18 | **6%** |
| Inkiko Zisumbuye | 22,221 | 22,516 | 27,785 | 26,779 | **21%** | 18,679 | 19,415 | 24,044 | 21,928 | **17%** | 3,542 | 3,101 | 3,741 | 4,851 | **37%** |
| Inkiko z'Ibanze | 45,563 | 43,548 | 54,033 | 62,732 | **38%** | 31,689 | 32,466 | 39,744 | 46,800 | **48%** | 13,874 | 11,082 | 14,289 | 15,932 | **15%** |

Hagereranyijwe imyaka ine ishize, imanza zaciwe ziyongereyeho 29%. Mu Rukiko rw'Ubujurire akaba ariho imanza zicibwa ziyongereye ku kigero cyo hejuru kuko zageze kuri 55%, mu Nkiko z'ibanze ziyongeraho 38% naho mu Nkiko zisumbuye ziyongeraho 21%.

Ubu bwiyongere bukaba bujyanye ahanini n'ikoreshwa ry'abacamanza bakorera ku masezerano bakoze mu nkiko z'ibanze n'abatijwe mu nkiko zisumbuye no mu Rukiko Rukuru; naho Urukiko rw'Ubujurire rwo rukaba rwarakoresheje ingamba zihariye zatumye rubasha kuzamura umusaruro by'umwihariko ikoreshwa ry'imirongo yatanzwe mu manza no gukoresha abacamanza mu manza z'ubwoko bumwe kimwe no gukora inama zihoraho zigamije kunoza imikorere.

Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi imanza zagabanutseho 15% mu gihe mu Rukiko rw'Ikirenga zagabanutseho 10%.

### 1.1.8 Imanza zasubitswe

Isubika ry'iburanisha ry'imanza ni imwe mu mpamvu zigira uruhare mu gutinza imanza no kongera umubare w'imanza z'ibirarane. Ni yo mpamvu Urwego rw'Ubucamanza rusuzuma ikigero cy'imanza zisubikwa hagamijwe gushyiraho ingamba zituma hatabaho isubika ry'imanza ritari ngombwa.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imibare y'imanza zasubitswe muri uyu mwaka w'ubucamanza.

**Imbonerahamwe 14: Imanza zasubitswe**

| Urukiko | Imanza zahamagajwe | Imanza zasubitswe | % ry'Imanza zasubitswe |
|---|---|---|---|
| Zose | 108,545 | 34,490 | 32% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 79 | 26 | 33% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 836 | 206 | 25% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 911 | 376 | 41% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 2,216 | 755 | 34% |
| Urukiko Rukuru | 5,056 | 1,814 | 36% |
| Inkiko Zisumbuye | 30,391 | 10,982 | 36% |
| Inkiko z'Ibanze | 69,056 | 20,331 | 29% |

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, imanza zasubitswe ziri ku kigero cya 32% muri rusange; urukiko rufite ijanisha riri hejuru kurusha izindi mu gusubika iburanisha ry'imanza akaba ari Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi (41%); naho urukiko urufite ikigero cyo hasi ni Urukiko rw'Ubujurire (25%).

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igereranya ry'umubare w'imanza zasubitswe mu myaka ine ishize.

### Imbonerahamwe 20: Umubare w'imanza zasubitswe mu myaka 4 ishize


| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 22,784 | 29,256 | 33,814 | 34,490 | **51%** |
| Urukiko rw'Ikirenga | 37 | 31 | 31 | 26 | **-30%** |
| Urukiko rw'Ubujurire | 190 | 230 | 209 | 206 | **8%** |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 509 | 515 | 513 | 376 | **-26%** |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 615 | 847 | 876 | 755 | **23%** |
| Urukiko Rukuru | 1,627 | 1,677 | 1,854 | 1,814 | **11%** |
| Inkiko Zisumbuye | 6,899 | 9,492 | 11,331 | 10,982 | **59%** |
| Inkiko z'Ibanze | 12,907 | 16,464 | 18,907 | 20,331 | **58%** |

Mu myaka ine ishize, imanza zasubitswe muri rusange ziyongereyeho 51% aho zavuye kuri 22,784 mu mwaka wa 2019/2020 zikagera kuri 34,490 mu mwaka wa 2022/2023. Mu nkiko zisumbuye ni ho ziyongereye ku kigero cyo hejuru kingana na 59%, zigakurikirwa n'Inkiko z'Ibanze (58%), Urukiko rw'Ubucuruzi (23%), Urukiko Rukuru (11%) n'Urukiko rw'Ubujurire (8%).

Mu Rukiko rw'Ikirenga ho imanza zasubitswe zagabanutseho 30% naho mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi zigabanuka ku kigero cya 26%.

Ishusho ukurikira iragaraza impinduka zabayeho muri iyi myaka ine ishize mu manza zisubikwa.

### Ishusho 6: Ijanisha ry`imanza zasubitswe



Imyaka itatu ya nyuma yagaragayemo gusubika imanza ku kigero kiri hejuru cyane cyane kubera amahugurwa menshi yahawe abakozi b'inkiko muri iyo myaka kubera ko hari atari yarakozwe mbere kubera icyorezo cya COVID-19. Hakaba hari icyizere ko mu myaka ikurikiyeho iri janisha rizagenda rigabanuka.

### 1.1.9 Imanza zisigaye mu nkiko

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zisigaye mu nkiko ndetse n'izabaye ibirarane.

**Imbonerahamwe 15:Imanza zasigaye mu nkiko mu mpera z'umwaka**

| Urukiko | Imanza zose | 2017 | 2018 | 2019 | 2020 | 2021 | 2022 | 2023 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Zose | 91,050 | 2 | 6 | 256 | 4,547 | 15,262 | 36,306 | 34,671 |
| Urukiko rw'Ikirenga | 47 | 0 | 0 | 1 | 0 | 6 | 27 | 13 |
| Urukiko rw'Ubujurire | 1,257 | | 2 | 3 | 56 | 202 | 618 | 376 |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 662 | 0 | 0 | 0 | 2 | 18 | 353 | 289 |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 1,813 | | 0 | 0 | 2 | 15 | 630 | 1,166 |
| Urukiko Rukuru | 16,373 | 2 | 4 | 47 | 1,699 | 4,995 | 6,276 | 3,350 |
| Inkiko Zisumbuye | 30,797 | 0 | 0 | 89 | 1,249 | 5,660 | 13,060 | 10,739 |
| Inkiko z'Ibanze | 40,101 | | 0 | 116 | 1,539 | 4,366 | 15,342 | 18,738 |

Nk'uko imbonerahamwe iri haruguru ibigaragaza, inyinshi mu manza zisigaye mu nkiko ni izinjiye hagati y'umwaka wa 2020 n'uwa 2023. Mu manza zinjiye mbere y'iyo myaka, izinjiye mu mwaka wa 2017 ni imanza 2 zo mu Rukiko Rukuru; izinjiye mu mwaka wa 2018 ni imanza 6 zirimo 2 zo mu Rukiko rw'Ubujurire n'imanza 4 zo mu Rukiko Rukuru; naho imanza znjiye mu mwaka wa 2019 ni imanza 256 zizimo izo mu nkiko z'ibanze (116), izo mu nkiko zisubumbuye (89) n'izo mu Rukiko Rukuru (47).

**Imbonerahamwe 16:Imanza zisigaye mu nkiko muri iyi myaka 4 ishize**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 52,952 | 69,813 | 79,468 | 91,050 | **72%** |
| Urukiko rw'Ikirenga | 51 | 35 | 44 | 47 | **-8%** |
| Urukiko rw'Ubujurire | 302 | 1,144 | 1,233 | 1,257 | **316%** |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 951 | 882 | 938 | 662 | **-30%** |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 828 | 738 | 982 | 1,813 | **119%** |
| Urukiko Rukuru | 7,993 | 11,379 | 14,379 | 16,373 | **105%** |
| Inkiko Zisumbuye | 19,478 | 25,834 | 27,803 | 30,797 | **58%** |
| Inkiko z'Ibanze | 23,349 | 29,801 | 34,170 | 40,101 | **72%** |

Nk'uko imbonerahamwe iri haruguru ibiharagaza, mu myaka ine ishize imanza zisigaye mu nkiko ziyongereho 72%, ziva ku manza 52,952 zigera ku manza 91.050. Mu Rukiko rw'Ubujurire niho ziyongereye ku kigero kiri hejuri (316%), mu Rukiko rw'Ubucuruzi ziyongera kuri 119%, mu Rukiko Rukuru ziyongera kuri 105%, mu nkiko z'ibanze ziyongera kuri 72% naho mu nkiko zisumbuye ziyongera ku kigero cya 58%.

Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ho zaragabanutse ku kigero cya 30% naho mu Rukiko rw'Ikirenga zigabanukaho 8%.

Ubwiyongere bw'imanza zigaye mu nkiko bukomoka ahanini ku bwiyongere bw'imanza zinjira mu nkiko muri rusange nk'uko byasobanuwe mu bika bibanza, butajyanye n'umubare w'abacamanza bigatuma umubare w'imanza zicibwa urutwa n'uwizinjira.

### 1.1.10 Imanza zabaye ibirarane mu nkiko (zirengeje amezi 6 zitaracibwa)

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zabaye ibirarane mu nkiko.

**Imbonerahamwe 23: Imanza zabaye ibirarane mu nkiko**

| Urukiko | Imanza zose | 2017 | 2018 | 2019 | 2020 | 2021 | 2022 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Zose | 56,379 | 2 | 6 | 256 | 4,547 | 15,262 | 36,306 |
| Urukiko rw'Ikirenga | 34 | 0 | 0 | 1 | 0 | 6 | 27 |
| Urukiko rw'Ubujurire | 881 | | 2 | 3 | 56 | 202 | 618 |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 373 | 0 | 0 | 0 | 2 | 18 | 353 |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 647 | | 0 | 0 | 2 | 15 | 630 |
| Urukiko Rukuru | 13,023 | 2 | 4 | 47 | 1,699 | 4,995 | 6,276 |
| Inkiko Zisumbuye | 20,058 | 0 | 0 | 89 | 1,249 | 5,660 | 13,060 |
| Inkiko z'Ibanze | 21,363 | | 0 | 116 | 1,539 | 4,366 | 15,342 |

Imbonerahamwe ikurikira yo igaragaza ijanisha ku manza zabaye ibirarane zigereranijwe n'imanza zose ziri mu nkiko.

**Imbonerahamwe 17:Ijanisha ku manza z'ibirarane ugereranyije n'iziri mu nkiko zose**

| Urukiko | Ibirarane mu mpera za Kamena 2023 | Imanza zose ziri mu nkiko mu mpera za Kamena 2023 | % |
|---|---|---|---|
| Zose | 56,379 | 91,050 | 62% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 34 | 47 | 72% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 881 | 1,257 | 70% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 373 | 662 | 56% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 647 | 1,813 | 36% |
| Urukiko Rukuru | 13,023 | 16,373 | 80% |
| Inkiko Zisumbuye | 20,058 | 30,797 | 65% |
| Inkiko z'Ibanze | 21,363 | 40,101 | 53% |

Imanza zabaye ibirarane, ni ukuvuga izirengeje amezi 6, zigeze kuri 62% by'imanza zose ziri mu nkiko. Urukiko Rukuru akaba arirwo rufite ikigero cyo hejuru mu manza z'ibirarane kuko rufite imanza zigera kuri 80% zabaye ibirarane.

Impamvu ziza ku isonga mu gutuma umubare w'imanza z'ibirarane ukomeza kwiyongera ni zimwe n'izasobanuwe haruguru, z'uko imanza zinjira mu nkiko buri mwaka zikomeza kwiyongera zikaruta umubare w'izicibwa.


**Imbonerahamwe 18:Umubare w'imanza zabaye ibirarane mu myaka 4 ishize**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 25,356 | 37,394 | 47,091 | 56,379 | **122%** |
| Urukiko rw'Ikirenga | 33 | 25 | 24 | 34 | **3%** |
| Urukiko rw'Ubujurire | 165 | 481 | 810 | 881 | **434%** |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 568 | 379 | 400 | 373 | **-34%** |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 166 | 99 | 93 | 647 | **290%** |
| Urukiko Rukuru | 4,790 | 7,141 | 10,386 | 13,023 | **172%** |
| Inkiko Zisumbuye | 8,511 | 13,832 | 16,550 | 20,058 | **136%** |
| Inkiko z'Ibanze | 11,123 | 15,437 | 18,828 | 21,363 | **92%** |


Muri rusange mu nkiko zose, mu myaka ine ishize imanza z'ibirarane ziyongereyeho 122%. Mu Rukiko rw'Ubujurire niho ziyongereye cyane kuko zageze kuri 434% naho mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi zigabanukaho 34%.

Amashusho akurikira agaragaza igereranya ry'imanza zabaye ibirarane mu nkiko mu myaka ine ishize, n'igereranya ryazo n'imanza zose zisigaye mu nkiko.

**Ishusho 7: Imanza zabaye ibirarane mu nkiko mu myaka ine ishize**



**Ishusho 8: Igereranya ry'imanza zisigaye mu nkiko n'izabaye ibirarane**




### 1.1.11 Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungurwa ry'agateganyo

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, inkiko zaburanishije imanza zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo 20,801 ziregwamo abantu 27,276. Muri bo 8,983 bafunguwe by'agateganyo, naho 12,235 bafungwa by'agateganyo, abasigaye bafatirwa ibindi byemezo biteganywa n'itegeko nk'uko imbonerahamwe ikurikria ibigaragaza.

**Imbonerahamwe 19:Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungurwa ry'agateganyo**

| Ubwoko bw'imanza | Umubare w'Imanza | Ibyemezo byafashwe | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abarezwe bose | Icyemezo gitegeka ibigomba kubahirizwa | Icyemezo ku Ifunga rinyuranyije n'amategeko | Ibindi byemezo | Gufungwa by' agateganyo | Kongera igihe cy'ifungwa ry'agateganyo | Gufungurwa by'agateganyo |
| Zose | 20,802 | 27,270 | 543 | 3 | 3,765 | 12,495 | 1,475 | 8,989 |
| Urukiko Rukuru | 18 | 20 | | | 16 | | | 4 |
| Imanza nshinjabyaha | 17 | 19 | | | 15 | | | 4 |
| Ibyaha bimunga ubukungu | 1 | 1 | | | 1 | | | |
| Urukiko rwisumbuye | 4,852 | 6,255 | 64 | | 3,506 | 185 | 1,266 | 1,234 |
| Imanza nshinjabyaha | 4,644 | 5,894 | 57 | | 3,317 | 163 | 1,218 | 1,139 |
| Ibyaha bimunga ubukungu | 142 | 257 | 7 | | 116 | 19 | 28 | 87 |
| Jenoside n'ibyaha biyishamikiyeho | 66 | 104 | | | 73 | 3 | 20 | 8 |
| Urukiko rw'Ibanze | 15,932 | 20,995 | 479 | 3 | 243 | 12,310 | 209 | 7,751 |
| Imanza nshinjabyaha | 15,569 | 20,336 | 469 | 3 | 237 | 11,990 | 172 | 7,465 |
| Ibyaha bimunga ubukungu | 214 | 412 | 9 | | 3 | 168 | 2 | 230 |
| Jenoside n'ibyaha biyishamikiyeho | 149 | 247 | 1 | | 3 | 152 | 35 | 56 |

Mu bantu 27,270 baburanishijwe ku ifungwa cyangwa ifungurwa ry'agateganyo, abagera ku 8,989 ni ukuvuga 33% nibo bafunguwe by'agateganyo.

### 1.1.12 Imanza zerekeye ibyaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu

Mu byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu harimo iz'abana, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibyaha bimunga ubukungu, ingengabitekerezo ya jenoside, ibiyobyabwenge n'icuruzwa ry'abantu.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zinjiye zifitanye isano n'ibi byaha.

**Imbonerahamwe 20:Imanza ku byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu**

| Urukiko | Ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu | Ingengabitekerezo ya jenoside | Ibiyobyabwenge | Gucuruza abantu | Imanza z'abana |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 1,963 | 304 | 112 | 167 | 4 | 694 |
| Urukiko rw'Ikirenga | | 1 | | | | |
| Urukiko rw'ubujurire | | 1 | | | | |
| Urukiko Rukuru | 21 | 42 | 48 | 11 | 2 | 67 |
| Inkiko Zisumbuye | 1,819 | 169 | 50 | 51 | 1 | 622 |
| Inkikoz'Ibanze | 123 | 91 | 14 | 105 | 1 | 5 |

Impinduka zabaye muri iyi myaka itatu muri izi manza zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.


**Imbonerahamwe 21:Imanza zigira ingaruka ku gihugu mu myaka 4 ishize**

| Ibyaha | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 | 2022/2023 | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|
| Byose | 5889 | 4,306 | 3,897 | 3,244 | -45% |
| Ihohotera rishingiye kugitsina | 1941 | 1,867 | 2,013 | 1,963 | 1% |
| Ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu | 354 | 554 | 389 | 304 | -14% |
| Jenoside n'ibyaha biyishamikiyeho | 147 | 203 | 149 | 112 | -24% |
| Ibiyobyabwenge | 3087 | 1,048 | 529 | 167 | -95% |
| Gucuruza abantu | 2 | 4 | 4 | 4 | 100% |
| Imanza z'abana | 358 | 630 | 813 | 694 | 94% |


Izi manza zagabanutseho 45% muri iyi myaka 4 ishize. Izagabanutse cyane ni izerekeye ibiyobyabwenge zagabanutseho 95%, naho iziyongereye cyane ni izerekeye icuruzwa ry'abantu zavuye ku manza 2 ziba imanza 4; imanza z'abana zo zazamutseho 94%.

### 1.1.13 Imanza zaciwe mu nkiko za gisirikare

Imanza zinjiye n'izaciwe mu Rukiko rwa Gisirikare ziri mu ishusho ikurikira




Imanza zaciwe mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare ziri muri iyi shusho ikurikira:



## 1.2 Gutanga ubutabera bunoze

Gutanga ubutabera mu gihe gikwiye bijyana no gutanga ubutabera bunoze. Ni yo mpamvu Urwego rw`Ubucamanza rugira ingamba n`ibikorwa bitandukanye bigamije kwimakaza ubutabera bunoze.

Muri uyu mwaka, mu by'ingenzi byibanzweho mu kuzamura ubudakemwa bw'imanza harimo guhuza imicire y'imanza no gusesengura imanza zihindurwa mu bujurire n'izisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Ibika bikurikira bigaragaza umusaruro w'ibikorwa byakozwe mu kwimakaza ubutabera bunoze mu nkiko.

### 1.2.1 Guhuza imicire y'imanza

Mu rwego rwo kurushaho kuzamura ubudakemwa bw'imanza, Urwego rw'Ubucamanza rwashyizeho ingamba zigamije guhuza imicire y'imanza no gutangaza ibyemezo by'inkiko, kugira ngo zibashe guhuza ibyemezo zifata ku bibazo bisa zishyikirizwa n'abaturage. Uretse kuzamura ubudakemwa bw'ibyemezo by'inkiko no kwihutisha imanza zicibwa kuko abacamanza bashingira ku mirongo isanzwe iriho, izi ngamba zitezweho no kugabanya ibirego biza mu nkiko kuko zifasha abagana inkiko kumenya ibyemezo byafashwe ku bibazo bisa n'ibyabo, bakaba bahitamo kubikemura mu bwumvikane batagombye kugana inkiko.

Kugira ngo izi ngamba zibashe gutanga umusaruro, Urwego rw'Ubucamanza rusesengura imanza zaciwe, hakarebwa izitanga umurongo maze zigakusanyirizwa mu mitumba (*volumes*) itandukanye itangazwa buri gihembwe, kugira ngo abacamanza, abavoka n'abagana inkiko muri rusange babashe kumenya iyo mirongo.

Muri urwo rwego, muri uyu mwaka w'ubucamanza imanza zatangajwe mu buryo bukurikira:

- **Umutumba wa III/Volume 3 [2022] RLR**

Hakubiyemo imanza umunani (8):

i. Urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano
ii. Urubanza rumwe (1) rusaba guhindura umurongo watanzwe n'inkiko
iii. Urubanza rumwe (1) rw'inshinjabyaha
iv. Imanza ebyiri (2) zerekeranye n'ibirego bisaba kwemeza ko Itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga
v. Urubanza rumwe (1) rw'ubucuruzi
vi. Imanza ebyiri (2) zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza.

- **Umutumba wa 4/ Volume 4 [2022] RLR**

Harimo imanza zitandatu (6):

i. Urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano
ii. Urubanza rumwe (1) rw'ubucuruzi.
iii. Imanza ebyiri (2) zerekeranye n'ibirego bisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga
iv. Imanza ebyiri (2) zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza

- **Umutumba wa I/Volume 1 [2023] RLR**

Hatangajwemo imanza umunani (8):

i. Imanza ebyiri (2) z'imbonezamubano
ii. Urubanza rumwe (1) rw'umurimo
iii. Urubanza rumwe (1) rw'ubucuruzi
iv. Urubanza rumwe (1) rw'inshinjyabyaha
v. Imanza eshatu (3) zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza.

- **Umutumba wa II/ Volume ya 2. [2023] RLR**

Hakubiyemo imanza zirindwi (7):

i. Urubanza rumwe (1) rw'ubutegetsi
ii. Urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano
iii. Urubanza rumwe (1) rw'umurimo
iv. Imanza ebyiri (2) z'ubucuruzi
v. Urubanza rumwe (1) rw'inshinjyabyaha
vi. Urubanza rumwe (1) rwerekeranye n'imiburanishirize y'imanza.

Imwe mu mirongo yatanzwe muri izi manza ni iyi ikurikira:

- **Umutumba wa III/Vol. 3 -2022**

**I. RS/CLR/SPEC 00001/2021/SC; Re URUGAGA RW'ABAVOKA**

Imikorere y'inkiko – Ihame ryo kubahiriza umurongo wafashwe (*stare decisis*)– Urukiko rw'Ikirenga – Imanza ziciwe n'Urukiko rw'Ikirenga nk'Urukiko rukuriye izindi nkiko zose zo mu gihugu zifatwa nk'imanza zitanga umurongo.

Imikorere y'inkiko – Ihame ryo kubahiriza umurongo wafashwe (*stare decisis*) – Urukiko rw'Ubujurire – Imanza ziciwe n'Urukiko rw'Ubujurire zitanga umurongo ugomba gukurikizwa n'inkiko zo hasi, mu gihe cyose uwo murongo utahinduwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

Imikorere y'inkiko – Ihame ryo kubahiriza umurongo wafashwe (*stare decisis*), – Imanza zatangajwe mu Cyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko – Imanza zatoranyijwe zigatangazwa, mu Cyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko zifatwa nk'izitanga umurongo kuko zigira agaciro gasumba ak'imanza zaciwe n'inkiko ziri ku rwego rumwe ku kibazo gisa, zikaba zishobora kwifashishwa n'ababuranyi cyangwa abacamanza – Amabwiriza N°001/2021 yo ku wa 15/03/2021 ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agenga itangazwa ry'imanza mu cyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko, ingingo ya 9

Imikorere y'inkiko – Ihame ryo kubahiriza umurongo wafashwe (*stare decisis*) – Mu rwego rwo kubahiriza amahame ashingiye ku kubahiriza umurongo wafashwe (*stare decisis*), buri Rukiko rugomba kubahiriza umurongo rwafashe ku kibazo runaka cyangwa umurongo wafashwe kuri icyo kibazo n'urukiko rurukuriye.

## II. RS/INCONST/SPEC 00003/2021/SC; Re BYANSI (ADD)

Ikirego gisaba kwemeza ko ingingo y'Itegeko inyuranye n'Itegeko Nshinga – Inyungu zo gutanga ikirego – Inyungu igomba kumvikana ku buryo bwagutse, igashingira ku kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga kuko ribangamiye uburenganzira bw'abasaba ko rivaho, cyangwa se rituma icyari kigamijwe n'Itegeko Nshinga kitagerwaho kandi kigomba kurengerwa.

- **Umutumba wa 4/ Vol. 4- 2022**

## I. Urubanza RS/INCONST/SPEC 00002/2021/SC; Re. BYANSI

Ubutabera buboneye – Umuntu ntabwo akwiye kuryozwa icyaha atakoze kandi buri wese afite inshingano zo kugaragaza ikorwa ry'ibyaha cyane cyane ibyaha bikomeye n'iby'ubugome.– Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru ntibwarutishwa uburenganzira ku butabera buboneye ku buryo umunyamakuru yakwemererwa kurebera abantu b'inzirakarengane bakurikiranweho ibyaha batakoze kugeza ubwo babihaniwe kandi afite ibimenyetso byatuma barenganurwa cyangwa ngo yemererwe kutagaragaza ikorwa ry'ibyaha yamenye.

## II. Urubanza RS/INJUST/RAD 00002/2020/CA; UWAMAHORO v HABIMANA N'UNDI

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane – Inzitizi yatuma urubanza rutaburanishwa mu mizi – Inzitizi yatuma urubanza rutaburanishwa mu mizi kubw'itegeko ntabwo yakirwa ngo isuzumwe mw'iburanisha ry'ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane kuko mbere yo kugira ngo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga afate icyemezo ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ibyo byose byatuma urubanza rudasuzumwa mu mizi bibanza gusuzumwa n'inzego zibishinzwe. Keretse umuburanyi ashoboye kugaragaza impamvu idasanzwe nko kuba harabayeho kwibeshya ku bihe byo gutanga ikirego.

- **Umutumba wa I/Vol. 1- 2023**

## I. Urubanza RS/INJUST/RP 00001/2019/CA; NYIRABATONI v GAHIMA N'UNDI

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha – Icyaha cy'imaragihe – Ku byerekeye icyaha cyo gukoresha inyandiko mpimbano, kubara igihe cy'ubuzime bitangira uhereye igihe igikorwa cya nyuma cyarangiriyeho.

## II. Urubanza RS/INJUST/RC 00002/2018/SC; UWIMANA v KAGITARE

Amategeko agenga umuryango – Ubutane – Kugabana imitungo kubashyingiranywe igihe cy'ubutane – Urubanza rw'ubutane rusesa uburyo bw'imicungire y'ivangamutungo y'abashyingiranywe, bakagabana mu buryo bungana imitungo yabo cyangwa mu bundi buryo bumvikanyeho – Mu gihe hari imitungo bari basangiye itaragaragajwe igihe cy'ubutane, nta kibuza ko ubifitemo inyungu ayiregera igihe imenyekaniye, kugira ngo nayo igabanwe.

- **Umutumba wa II/Vol. 2- 2023**

**I. Urubanza RS/INJUST/RSOC 00002/2022/SC; MUTWARE v GUARANTY TRUST BANK (RWANDA) Ltd**

Umushahara w'umukozi – Kureshyeshya abakozi mu bijyanye n'umushahara – Iyo umukozi yagaragaje ko adahembwa nk'abandi bakora umurimo umwe, ni inshingano z'umukoresha gutanga ibimenyetso bivuguruza ibitangwa n'umukozi cyangwa bigaragaza ko kutabahemba kimwe bishingiye ku mpamvu zifatika kandi zumvikana. Izo mpamvu zemezwa n'Urukiko mu bushishozi bwarwo.

**II. Urubanza RCOMAA 00003/2022/CA; NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD (NKTF LTD) N'UNDI v KIGALI LAW CHAMBERS (KLC)**

Amasezerano – Iseswa ry'amasezerano mu buryo buteruye – Mu masezerano ashyirwa mu bikorwa mu byiciro, iyo igihe cyo kwishyurwa icyiciro kirangiye ntikishyurwe ndetse hakaniyongeraho igihe kiringaniye n'ubusanzwe umuntu ashobora kwihanganira ko umubereyemo umwenda yibwiriza, kandi uruhande rwishyuza ntirukurikirane ubwishyu, bifatwa ko rwamenye mu buryo buteruye ko urundi ruhande rwiyambuye inshingano.

### 1.2.2 Igipimo cy'imanza zihindurwa mu bujurire

Gusesengura igipimo cy'imanza zihindurwa mu bujurire bifasha gusuzuma ubudakemwa mu micire y'imanza by'umwihariko gusuzuma uko ibyemezo by'inkiko bihuza icyerekezo (*consistency*), no gushyiraho ingamba zihamye zo kurushaho kongera ubudakemwa bw'imanza zicibwa.


Muri uyu mwaka w'ubucamanza, mu manza 15,490 zaciwe mu bujurire, izahinduye ibyemezo byo ku rwego rwa mbere zingana na 998, ni ukuvuga 6% nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

**Imbonerahamwe 22:Imanza zahinduwe mu bujurire**

| Urukiko | Izaciwe mu bujurire | Izahinduwe mu bujurire | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Zose | 15,490 | 998 | 6% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 736 | 192 | 26% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 824 | 14 | 2% |
| Urukiko Rukuru | 4,193 | 578 | 14% |
| Inkiko Zisumbuye | 9,737 | 214 | 2% |

Ishusho ikurikira igaragaza igereranya ry'impinduka zabaye mu manza zihindurirwa ibyemezo mu bujurire muri iyi myaka ine ishize

**Ishusho 9: Ijanisha ry'imanza zahinduwe mu bujurire mu myaka 4 ishize**




Igipimo cy'imanza zihindurwa mu bujurire cyagiye gihinduka, aho mu mwaka wa 2019/2020 cyari kuri 5%, muri 2020/2021 kigera kuri 7% naho muri iyi myaka ibiri iheruka kiba 6%.

### 1.2.3 Imanza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane

Intego yo gutanga ubutabera buzira amakemwa ijyana no kurwanya mu buryo bwose akarengane gashobora kuboneka mu byemezo by'inkiko. Itegeko ryahaye uburenganzira ababuranyi bujuje ibisabwa, mu gihe babona ko barenganyijwe n'icyemezo cy'urukiko, kuba bakwiyambaza urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma, bagasaba ko imanza zabo zasubirwamo. Urwego rw'Umuvunyi ndetse n'Ubugenzunzi Bukuru bw'Inkiko nabo bashobora gusaba Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma imanza babona ko zishobora kuba zarabayemo akarengane.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igipimo cy'imanza zabonetsemo akarengane mu zasuzumwe zose.

| | |
|---|---|
| Izo inkiko zemeje ko zirimo akarengane zimaze kongera kuburanishwa (A) | 28 |
| Izafatiwe icyemezo cya nyuma(B) | 2,381 |
| Izo ba Perezida b'inkiko basanze nta karengane karimo (B1) | 2187 |
| Izo inkiko zaciye (B2) | 175 |
| Izavuye ku Rwego rw'Umuvunyi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akemeza ko nta karengane karimo(B3) | 19 |
| Ubwiganze bw'akarengane mu manza zisabirwa gusubirwamo C=A/B | 1% |

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, imanza zasubiwemo n'inkiko zikemeza ko zirimo akarengane zaragabanutse cyane kuko zageze kuri 1% zivuye kuri 3% mu mwaka ushize.

## II. Kongera imbaraga mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kunoza imitangire ya serivisi mu nkiko

Ikoranabuhanga ryahawe umwanya w'ibanze mu mikorere y'inkiko hagamijwe guha abacamanza n'abagana inkiko uburyo buborohereza kunoza akazi no kubona servisi bakeneye.

Mu bipimo by`ingenzi byitabwaho muri iyi ntumbero harimo:

- ✓ kwagura imikorere ya IECMS (*IECMS upgrade*);
- ✓ kongera ikoranabuhanga ritandukanye rifasha mu kazi k'inkiko (*court technologies*);
- ✓ kubaka ibikorwaremezo no gushaka ibikoresho by'ikoranabuhanga bijyanye n'igihe.

### 2.1 Kwagura imikorere ya IECMS

Ikoranabuhanga rya IECMS rimaze gushinga imizi mu mikorere y'inkiko. Mu rwego rwo gutuma rirushaho gukora neza, inzego zirikoresha zatangiye kurivugurura kugira ngo rirusheho gutanga umusaruro. Mu birimo gukorwa bigamije kurushaho gufasha inkiko harimo:

- Kongera muri IECMS ikoranabuhanga rizafasha ababuranyi kuburana no kugira icyo babwira urukiko bidasabye ko baza mu byumba by'iburanisha (*virtual hearing*). Biteganijwe ko iri koranabuhanga rizatangira gukoreshwa umwaka utaha.

- Kongerera imbaraga ikoranabuhanga rya IECMS kugira ngo rikore mu buryo bwihuse ndetse no kubona amakuru akenewe ritanga byihute.

- Kunoza uburyo abaregwa mu manza nshinjabyaha babona amakuru yerekeye imanza zabo, kandi bagashobora kwiregura no kugira ibindi bashyira muri dosiye zabo mu buryo bworoshye bakoresheje *system*.

### 2.2 . Kongera ikoranabuhanga ryifashishwa mu nkiko (*court technology*)

Urwego rw'Ubucamanza rukomeje kubaka ikoranabuhanga rikoreshwa mu kuzuza inshingano zarwo. Uretse kwagura IECMS, muri uyu mwaka w'ubucamanza ikoranabuhanga rifasha inkiko kwita ku musaruro wazo, JPMS (*Judical Performance Management System*) naryo ryatangiye gukoreshwa ndetse abakozi bose bahugurwa ku mikoreshereze yaryo. JPMS izafasha Urwego rw'Ubucamanza gukora iteganyamigambi no kugenzura umusaruro wa buri rukiko, buri shami, buri mukozi ndetse n'urwego rwose muri rusange. Ibi bizafasha kumenya mu buryo buhoraho ibyo Urwego rwagezeho rwagezeho, ahari ibibazo n'ibishobora gukosorwa.

### 2.3 Kongera ibikorwaremezo, kubivugurura no gushaka ibikoresho by'ikoranabuhanga bijyanye n'igihe

Kugira ngo inkiko zibashe gukoresha neza ikoranabuhanga ritandukanye rimaze kubakwa mu nkiko, haba hakenewe ibikoresho by'ibanze. Muri uyu mwaka, haguzwe ibikoresho bitandukanye. Muri byo twavuga imashini 6 zitanga umurimo, mudasobwa 444, ibikoresho bizigama umuriro (UPS) 14 ndetse n'icyuma kigenzura ingano ya internet igera mu nkiko.

## III. Gushakira inkiko aho zikorera n'ibikoresho by'ibanze

Mu gushakira inkiko aho gukorera hakwiye n'ibikoresho bya ngombwa, uyu mwaka hakozwe imirimo itandukanye mu gusana zimwe mu nkiko ndetse no kugura ibikoresho bya ngombwa bikenerwa mu biro.

### 3.1 Kubaka, kuvugurura, kwagura no gusana inyubako z`inkiko

Muri uyu mwaka hari inkiko zasanwe nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, hari inkiko 6 zagombaga gusanwa, Muri zo inkiko 4 ari zo TGI Gasabo, TGI Nyarugenge, TB Kaniga, TB Kaniga zararangiye; naho ebyiri zisigaye imirimo yo kuzisana iracyakomeje: TB Kirehe igeze kuri 77% naho TB Nyarubuye igeze kuri 79%.

### 3.2 Gushaka ibikoresho byo mu biro inkiko zikenera

Kugira ngo abacamanza kimwe n'abandi bakozi b'Urwego rw'Ubucamanza babone ibyangombwa bikenewe bibafasha kuzuza neza inshingano zabo, muri uyu mwaka w'ubucamanza bashakiwe ibikoresho bisimbura ibyari bishaje.

Muri uyu mwaka haguze ibikoresho bitandukanye byose hamwe byatwaye ingengo y'imari ingana na 169,123,554 Frw.

## IV. Kurushaho kunoza imicungire y'abakozi, hashyirwa imbaraga mu bunyamwuga n'ubuzobere mu byiciro by'imirimo

Muri iyi ntego hitabwa ku kongerera ubumenyi ngiro abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko, kwita ku bunyamwuga n'imyitwarire y'abacamanza, kurwanya ruswa n'akarengane kimwe no kwimakaza ihame ry'uburinganire.

### 4.1 Amahugurwa yakozwe

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, amahugurwa mu masomo yihariye mu by'amategeko (*specialized legal diploma program*) yarakomeje ku bacamanza n'abanditsi b'inkiko bari barayatangiye umwaka ushize, hanatangwa amasomo yo gukarishya ubumenyi y'igihe gito nk'uko bigarukwaho mu bika bikurikira.

#### 4.1.1 Amasomo yihariye (*specialized legal program*)

Aya masomo yatangijwe hagamijwe kuzamura ubunyamwuka bw'abakozi b'inkiko, binyuze mu kubaha ubumenyi bwihariye mu ngeri zinyuranye z'amategeko, bukenewe mu kazi ko guca imanza.

Muri uyu mwaka abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bagera kuri 134 bakomeje amasomo yabo mu mashami akurikira: *Civil procedure Practice Law, Criminal Procedure and sentencing Practice Law, International Crimes and Genocide Ideology Practice Law, and Contract and Tort Practice Law.*

#### 4.1.2 Amahugurwa yo gukarishya ubwenge (*Continuing Legal Education*)

Kugira ngo hubakwe urwego rukora kinyamwuga nanone, uretse amasomo yihariye yavuzwe haruguru ahabwa abacamanza n'abanditsi, ni ngombwa gutanga amahugurwa ahoraho, afasha abacamanza gukarishya ubwenge by'umwihariko bareba ibyo bakwiye kunoza mu micire y'imanza no gukemura ibibazo bidasanzwe biba byavutse mu muryango nyarwanda.

Abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bakurikiye amasomo y'igihe gito mu mashami akurikira: *Family law, Judgement Writing, Money laundering and human trafficking, Environmental crimes, Cyber-crimes, Mediation techniques, Small claim procedure, Tax Law.*

### 4.2 Kwita ku myitwarire ikwiye no kurwanya ruswa mu bakozi b'inkiko

Urwego rw'Ubucamanza ruzirikana cyane ko imyitwarire y'umucamanza ari ishingiro ryo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse. Kwita ku myitwarire y'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko hashingiwe ku biteganywa n'itegeko, bituma hakomeza kubungwabungwa imyitwarire ikwiye kuranga aba bakozi.

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, Inama Nkuru y'Ubucamanza yafashe ibyemezo ku madosiye y'imyitwarire yashyikirijwe, aho hari abakozi birukanywe burundu kubera amakosa y'imyitwarire.

Mu rwego rwo kurwanya ruswa hakozwe ibikorwa bitandukanye birimo:

